CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA INAMA ISANZWE Y'ABEPISIKOPI GATOLIKA BO MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI TARIKI 20-23 WERURWE 2018

Kuva tariki ya 20 kugeza kuya 23 Werurwe 2018, i Kigali ku cyicaro cy'Inama y'Abepisikopi gatolika mu Rwanda hateraniye inama yabo isanzwe y'igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2018, iyobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Filipo Rukamba, Umushumba wa Diyosezi ya Butare akaba na Perezida w'Inama y'Abepisikopi mu Rwanda.

Mu isengesho ribimburira inama, Abepisikopi basabiye Musenyeri Yohani Damaseni Bimenyimana uherutse kwitaba Imana. Mu ijambo ritangiza imirimo y'inama, Musenyeri Rukamba yihanganishije abasenyeri kubera urupfu rutunguranye rwa Nyiricyubahiro Musenyeri Yohani Damaseni Bimenyimana wari Umushumba wa Diyosezi ya Cyangugu. Yabasangije uko yafatanyije n'Intumwa ya Papa mu Rwanda gufasha abapadiri ba diyosezi ya Cyangugu kongera kwisuganya kugira ngo hatagira igihagarara mu gihe bategereje kubona Umwepisikopi mushya wa diyosezi.

Muri iryo jambo kandi yatangaje ingingo z'ingenzi iyo nama yagombaga kwibandaho. Ingingo nyamukuru yari ugusuzuma raporo z'ibikorwa bihuriweho na diyosezi zose. Abepisikopi kandi barebeye hamwe ibikorwa binyuranye birebana n'iyogezabutumwa muri rusange : imirongo rusange ijyanye n'iyogezabutumwa yagenga uyu mwaka w'ubwiyunge, imyanzuro ya Yubile y'ubusaseredoti n'uburyo yashyirwa mu bikorwa, kureba aho inyandiko igenga uburere bw'abaseminari igeze kimwe n'iyigenga icyerecyezo gishya cy'Inama y'Abepisikopi Gatolika na komisiyo yifashisha. Basuzumye kandi aho umushinga wo kuvugurura seminari ya Rutongo ugeze, banakosora igice cya nyuma cya « **Tugendere hamwe** ».

Mbere yo kungurana ibitekerezo ku mirongo migari y'iyi nama, Abepisikopi bateze amatwi ijambo ry'Intumwa ya Papa mu Rwanda Musenyeri Andrzej Józwowicz. Mu ijambo rye yashimiye Abepisikopi kuba uyu mwaka wa 2018 barawuhariye ubwiyunge. Yatangaje ko yifatanyije n'Abepisikopi mu kababaro bagize ko kubura umuvandimwe Musenyeri Yohani Damaseni Bimenyimana witabye Imana ku wa 11 Werurwe 2018. Intumwa ya Papa mu Rwanda yabwiye Abepisikopi ko ikurikiranira hafi umushinga w'itegeko rigenga imiryango ishingiye ku myemerere urimo gutegurwa kandi ko ishyigikiye igitekerezo cy'Abepisikopi cyo kugira amasezerano y'imikoranire hagati ya Leta y'u Rwanda na Leta ya Vatikani mu bikorwa Kiliziya ihuriramo na Leta. Mu ijambo rye kandi yibukije ko ku wa gatanu mutagatifu muri Kiliziya ku isi yose hakusanywa inkunga yo kwita ku bikorwa bya gikirisitu biri ku butaka butagatifu, naho kuri 29 Kamena hagakusanywa inkunga yo gufasha abakene igenewe ibiro bya Papa.

Abepisikopi bakomeje baganira ku makuru yaranze za Diyosezi hagati y'inama iheruka mu Ukuboza 2017 (12-15) n'iyi yo muri Werurwe 2018, akaba agizwe n'ibikorwa bitandukanye byaranze gahunda z'Abepisikopi.

Iyi nama kandi yibanze ku gutega amatwi ndetse no kungurana ibitekerezo kuri raporo zitandukanye za komisiyo na serivisi zihuriweho na diyosezi zose mu mwaka wa 2017. Hatanzwe raporo ya komisiyo y'ubutabera n'amahoro (CEJP), iy'Iyogezabutumwa mu mashuri (SNEC), hatangwa kandi raporo y'ibiro bishinzwe Gatigisimu (BNC), iy'ibikorwa byo gufasha iyogezabutumwa ku isi (OPM), iya Serivisi ireba ibijyanye n'ubusugire bw'ingo (SNAF), Iya Radio Maria Rwanda, ndetse na komisiyo y'urubyiruko (CEPJ). Abepisikopi bahawe kandi raporo ya komisiyo ishinzwe abalayiki (CEAL), Karitasi Rwanda, Kinyamateka, urukiko rwa Kiliziya (TECIR), ndetse iy'ubunyamabanga bukuru bw'Inama y'Abepisikopi. Ikigaragara ni uko muri izo komisiyo zose umwaka wa 2017 wagenze neza.

Nyuma ya raporo za serivisi zihuriweho na diyosezi zose, Abepisikopi bakomeje kurebera hamwe ibikorwa abakristu bashobora guhuriraho muri uyu mwaka w'ubwiyunge. Bemeje ko hakomeza kuzirikanwa ku butumwa bwa gishumba bwabimburiye uyu mwaka kandi abakirisitu bagakomeza kuvugira hamwe isengesho rya Mutagatifu Faransisiko w'Asizi. Hazakorwa kandi noveni itegura umunsi wo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Uyu mwaka w'ubwiyunge uzasorezwa i Kibeho ku munsi wa Bikira Mariya Nyina wa Jambo ku wa 28 Ugushyingo 2018.

Abepisikopi bishimiye ibikorwa byose byaranze umwaka wa Yubile y'ubusaseredoti mu Rwanda n'ikigero byitabiriweho. Umunyamabanga mukuru w'Inama y'Abepisikopi mu Rwanda yabamenyeshe aho itegurwa ry'igenamigambi ry'ikenurabushyo rigeze. Abepisikopi basanze ari ngombwa kugena inama yihariye izanoza inyandiko igenga imirerere y'abaseminari hamwe no kurangiza igice cya nyuma cya "**Tugendere hamwe**", kandi bemeza itsinda rizategura ubutumwa buherekeza itambagizwa ry'ibisigazwa bya Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu mu Rwanda.

Inama yasojwe kuya 23/03/2017 i saa sita n'igice, Abepisikopi bajya gusura aho inyubako y'ibiro bishya by'Inama y'Abepisikopi ku Ruyenzi igeze.

Bikorewe i Kigali tariki ya 23/03/2018

Padiri Nizigiyimana Martin,
Umunyambanga w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

+ Rukamba

+ Filipo RUKAMBA
Umwepiskopi wa Butare
Perezida w'Inama y'Abepisikopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali Rwanda
PRESIDENT